IBYEMEZO BY'INAMA IDASANZWE Y'INAMA NJYANAMA Y'AKARERE KA NYAMAGABE YATERANYE KU WA 27 KAMENA 2015.

Ku wa gatandatu tariki ya 27/06/2015, mu cyumba cy'inama cya "Golden Monkey Hotel" hateraniye inama idasanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere ka Nyamagabe.

Umuyobozi w'Inama Njyanama amaze gusuzuma ko umubare wa ngombwa ugenwa n'itegeko (nibura 2/3 by'abagize Inama Njyanama y'Akarere) wuzuye; yatangije inama aranayiyobora.

Inama yitabiriwe n'Abajyanama 23 kuri 32 bagize Inama Njyanama y'Akarere ka Nyamagabe. Inama yitabiriwe kandi n'aba bakurikira:

- Minisitiri w'urubyiruko n'Ikoranabuhanga Bwana NSENGIMANA Philbert
- Intumwa ya Minisiteri y'Imari n'Igenamigambi (MINECOFIN) Bwana KUBWIMANA Emmanuel
- Bwana KAJANGANA Jean Aimé wari uhagarariye urwego rw'Umuvunyi

Iyo nama yanatumiwemo kandi yitabirwa n'abakozi b'Akarere, Abanyamabanga Nshingwabikorwa b'Imirenge, abakuriye serivisi zikorera mu Karere , abikorera na bamwe mu bafatanyabikorwa bakorera mu Karere ka Nyamagabe.

Umuyobozi w'Inama yibukije abayitabiriye ingingo ziteganyijwe ku murongo w'ibyigwa ari zo zikurikira:

1. Amahugurwa yateguwe n'urwego rw'umuvunyi ku itegeko rigena imyitwarire y'abayobozi mu nzego za Leta n'ibyerekeye kubona amakuru
2. Gusuzuma raporo ya Komite Nyobozi igaragaza ibyakozwe n'uko umutungo wakoreshejwe mu mwaka urangiye wa 2014-2015.
3. Gusuzuma no kwemeza ingengo y'imari y'Akarere ka Nyamagabe, ibikorwa bijyanye nayo ndetse n'imihigo byo mu mwaka wa 2015-2016.

Abagize Inama Njyanama bize ingingo ku yindi bafata n'ibyemezo ku buryo bukurikira:

I. AMAHUGURWA YATEGUWE N'URWEGO RW'UMUVUNYI KU ITEGEKO RIGENA IMYITWARIRE Y'ABAYOBOZI MU NZEGO ZA LETA N'IBYEREKEYE KUBONA AMAKURU.

Kuri iyi ngingo Bwana KAJANGANA Jean Aimé wari uhagarariye urwego rw'Umuvunyi yahawe ijambo ageza ku Bajyanama ikiganiro ku Itegeko rigena imyitwarire y'abayobozi mu nzego za Leta n'ibyerekeye kubona amakuru.

Abajyanama bamaze kuryunguranaho ibitekerezo, bishimiye ibirikubiyemo biyemeza kuzabishyira mu bikorwa no kuzabishishikariza abandi.

II. GUSUZUMA RAPORO YA KOMITE NYOBOZI IGARAGAZA IBYAKOZWE N'UKO UMUTUNGO WAKORESHEJWE MU MWAKA URANGIYE WA 2014-2015.

Abagize Komite Nyobozi bahawe ijambo maze bageza ku Bajyanama raporo ikubiyemo ibikorwa byagezweho mu mwaka wa 2014-2015 harimo n'imihigo; banerekana ndetse na raporo igaragaza uko ingengo y'imari y'umwaka wa 2014-2015 yakoreshejwe. Abajyanama bamaze kungurana ibitekerezo ku byakozwe basanze ibyinshi byaragezweho ku kigereranyo kiri hejuru ya 80% ndetse hari n'ibyagezweho ijana ku ijana maze barabyishimira.

Inama Njyanama yasanze kandi ku ngengo y'imari ivuguruye yanganaga na **Miliyari cumi n'ebyiri na Miliyoni magana arindwi na mirongo ine n'enye n'Ibihumbi magana atandatu na cumi na bine n'amafaranga Magana ane na mirongo itanu n'abiri(12,744,614,452)** kugeza ku wa 26 Kamena 2015 , hari harashoboye kwinjira angana na **Miliyari cumi n'imwe na Miliyoni magana inani n'eshatu n'Ibihumbi Magana atanu na mirongo ine n'umunani n'amafaranga Magana inani na makumyabiri n'umunani (11,803,548,828 frw).**

Kuri ayo mafaranga yabashije kwinjira, kugeza ku wa 26 Kamena 2015 hakoreshejwe angana na **Miliyari cumi n'imwe na Miliyoni ijana na mirongo itatu n'eshanu n'Ibihumbi magana abiri n'icyenda na Magana acyenda na mirongo itanu n'abiri (11,135,209,952 frw)** bingana na **94.33%** by'ingengo y'imari yinjiye.

III. GUSUZUMA NO KWEMEZA INGENGO Y'IMARI Y'AKARERE KA NYAMAGABE, IBIKORWA BIJYANYE NAYO N'IMIHIGO BYO MU MWAKA WA 2015-2016.

Abagize Komite Nyobozi bagejeje ku Nama Njyanama icyegeranyo cy'ingengo y'imari iteganyijwe, ibikorwa bijyanye nayo hamwe n'imihigo by'umwaka wa 2015-2016. Bamaze kubyunguranaho ibitekerezo, Abajyanama basanze ibyateguwe byarashingiye ku nkingi enye za Guverinoma ari zo Ubukungu, Imibereho myiza, Imiyoborere myiza n'Ubutabera, byarashingiye ku ntego z'ikinyagihumbi (MDGs), byarashingiye ku ngamba zo kurwanya ubukene (EDPRS II) byarashingiye kuri gahunda ya manda ya Nyakubahwa Perezida wa Repubulika y'imyaka irindwi ndetse byaranashingiye no ku igenamigambi ry'Akarere ry'imyaka itanu"DDP"(2013-2018) maze barabyishimira.

Inama Njyanama ishingiye ku biteganywa n'amategeko yemeje ku bwumvikane busesuye mu ruhame ingengo y'imari y'Akarere ka Nyamagabe y'umwaka wa 2015-2016 ingana na **Miliyari cumi n'enye na Miliyoni magana abiri na cumi n'eshatu n'Ibihumbi magana abiri na mirongo itatu n'umunani n'amafaranga ijana na makumyabiri n'ane y'amanyarwanda (14,213,238,124);** inemeza kandi ku bwuvikane busesuye ibikorwa bijyanye nayo ndetse n'imihigo y'Akarere y'umwaka wa 2015-2016.

Ku mugereka w'ibi byemezo murahasanga icyemezo cy'Inama Njyanama n^0 09 cyo kuwa 27/6/2015 gishyiraho ingengo y'imari y'Akarere ka Nyamagabe y'umwaka wa 2015-2016 n'inyandiko zigaragaza ku buryo burambuye aho amafaranga azinjizwa azaturuka, ibyo azakoreshwamo, imihigo, gahunda y'itangwa ry'amasoko (Procurement plan), gahunda yo kongerera ubushoshobozi abakozi b'Akarere (Capacity building plan) n'igenamigambi ryubahirije ihame ryuburinganire (Gender Budget Statement) byo mu mwaka wa 2015-2016 .

Inama yatangiye imirimo yayo saa cyenda n'iminota cumi n' itanu z'amanywa (15h15) iyisoza saa moya n'iminota mirongo ine z'umugoroba (19h40).

Umwanditsi w'inama

AYINKAMIYE Donatille

Umunyamabanga w'Inama Njyanama

y'Akarere ka Nyamagabe

Umuyobozi w'inama

ZINARIZIMA Diogène

Umuyobozi w'Inama Njyanama

y'Akarere ka Nyamagabe